**UBUSHAKASHATSI KU NDANGAGACIRO Z'UMUCO NYARWANDA NA KIRAZIRA**

kuri uyu wa mbere taliki 5 nzeri 2011 mu cyumba cy'inama cya Hoteli Alpha Palace I Remera, habereye umuhango wo kwerekana aho ubushakashatsi ku ndangagaciro z'umuco nyarwanda na kirazira bugeze. Ubu bushakashatsi bukaba bukorwa n'impuguke zo mu kigo cya I 5 guhera muri uku kwezi kwa Nyakanga gushize. Abakozi ba Komisiyo y'igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge bakaba bagaragarijwe intambwe imaze guterwa ndetse banatanga ibitekerezo byafasha abashakashatsi kugira ngo bazatange inyigo ikubiyemo ibyo Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge yifuza.

Ubu bushakashatsi bukazafasha cyane muri gahunda yo gushyira ahagaragara Indangagaciro zikubiye mu muco nyarwanda na kirazira. Inyandiko inoze ikaba izashyikirizwa Komisiyo mu gihe cy'ukwezi kugira ngo iganirweho ibe yakwemezwa.



*Uhereye I bumoso ni Bwana Rugemintwaza Nepo ushinzwe porogaramu y'ITORERO muri Komisiyo hamwe n'abashakashatsi b'ikigo I 5 gikora ubushakashatsi*